CIRCULAIRE Nº 42/54 Y'UMWAMI W'URWANDA.

Uko imyaka imeze ubu n'ihingisha ryo muli nzeri no mu gushyingo 1954.-

Ku Batware bose b'intara nab'imisozi b'Urwanda.

Ndabaramutsa.

Ndabibutsa nkomeje ngo mutekereze mubyitayeho imimerere mibi y'igihe iri mu burasira zuba bwa Rwanda yatewe nuko imvura y'umuhindo yatinze.

Ni ngombwa rwose ko imishishikarire yo guhinga,cyane cyane ibitunga abantu,byakurikiranwa bidatezuka. Hatera amapfa cyanga inzara mu mezi atatu ya mbere y'umwaka 1955, tugushije imvura nke kandi hamwena hamwe mu kwakira n'ugushyingo nkiyaguye mul' uku kwezi kwa nzeri.

Kubera izo mpamvu lero,mugomba gushishikara mukomeje nta burangare kugirango impangukano nigwa,abahinzi bose ba kavukire bahinge buli muhinzi agire 10 a. z'ibijumba. Iyo mishishikarire mukayikomeza no mu kwezi kwa 2 kw'icyo gihe cy'imvura. Mugomba kwibuka guhingisha ibijumba buli gitondo mbere yundi mulimo w' ubuhinge 'ibishyimbo etc..) kugeza igihe icyate cy'ukwezi cyizarangirira.

Ahari imisozi miremire, hazahingwa ibilayi niba nta bijumba bihera.

Nibarangiza guhinga ibijumba,bazatangira uwo mwanya ibyate by'imyumbati.

Kuv'ubu mugomba kongera guhunikisha indi myaka mishya mu bibandahori. Uko basaruye niko bahunika. Mbere yo guhunika imbuto bajye babanza kwica imungu zilimwo. Ibibandahori bigomba gushyirwamo umuti kabili mu mwaka. Buli muntu usora (keretse abakozi bateye kontra) agomba guhunika ibilo 10 by'imbuto bye bwite n'izindi zingana zityo za buli muntu mubo atunze mu rugo rwe.

Nongeye kubamenyesha nkomeje ko mugomba gushishikarira ko abaturage kavukire badatezuka muby'ubuhinge.-

Nyanza-Ruanda, le 23 nzeri 1954.
Umwami w'Urwanda,
Ch. MUTARA RUDAHIGWA.

Ruhengeri
572